



Ikinyamakuru N°31/2016:

Taliki ya 1–10 Ugushyingo 2016

Ryoherejwe kuwa 12 Ugushyingo 2016

Ingingoz'ingenzi:

- Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu minsi 10 ya mbere y'Ugushyingo 2016; cyagaragaje imvura iri mu kigereranyo cy'isanzwe iboneka mu bice byinshi by'u Rwanda;
- Iyongera ry'ububobere bw'ubutaka ryongeye kuboneka mu bice byose by'ighugu cyane cyane Intara y'Amajyaruguru
- Imvura ikwira hose niyo igaragara kuzaranga ighembwe cya 2 (11-20) cy'Ugushyingo.

I. Iriburiro


- a) Imbonerahamwe irererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu minsi icumi ya mbere y'Ugushyingo_2016 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Ugushy ingo_1- 10_ 2016	Ugus hying o_1- 10
Kigali	37.7	43.6
Rusizi (Kamembe)	42.1	63.4
Rubavu (Gisenyi)	34.1	56.6
Nyamagabe (Gikongoro)	81.3	40.5
Ngoma (Kibungo)	59.8	39.6
Gicumbi (Byumba)	71.8	58.5
Busogo	43.5	56.8
Bugarama	24.5	33.7
Musanze (Ruhengeri)	43.5	56.8
Gitega	23.6	33.4
Rubengera	65.6	33.3
Byimana	28.6	43
Kawangire	78.5	47.6
Nyagatare	71.3	47.6

Imbonerahamwe ya1


Ikigereranyo ku mvura yaguye mu minsi icumi ya mbere y'Ugushyingo_2016 hamwe n'isanzwe igwa muri ibyo bihe




Igishushanyo1

b) **Ubusesenguzi ku mvura yaguye:** Ikarita zikurikira zigereranya imvura yaguye mu minsi 10 ya mbere y'Ugushyingo 2016; imvura isanzwe igwa muri uko kwezi, imvura yaguye mu minsi 10 yayibanjirije; ndetse n'invura isanzwe igwa mur'yo minsi.


Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 1-10_Ugushyingo_2016




Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 1-10_Ugushyingo



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): 21-31_Ukwakira_2016



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): 21-31_Ukwakira



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu minsi 10 ya mbere (ighembwe cya mbere) Ugushyingo_2016 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'invura yabonetse mu minsi 10 ya mbere y'Ugushyingo 2016; cyagaragaje imvura iri mu kigereranyo cy'isanzwe iboneka mu bice byinshi by'u Rwanda. Amajyepfo yari yarabonye imvura nke mu minsi 10 ya nyuma y'Ukwakira yabonye imvura nyinshi ugereranyije n'ubundi bupimiro mu gihugu; imvura urebeye muri rusange yaguye ku kigereranyo gisanzwe cy'invura dusanzwe tubona muri iyi minsi reba **Ikarita ya1, 2, 3&4**:

a) Intara y'Iburasirazuba

Ubupimiro bwose bwerekanye imvura iri hejuru y'isanzwe iboneka; aho amajyaruguru y'iyo Ntara ariho habonetse imvura nyinshi ku bupimiro bwa Kawangire (mm 78.5) ndetse na Nyagatare (mm 71.3)

b) Intara y'Amajyaruguru

Ubupimiro bwose buhagarariye iyi Ntara buri ku kigereranyo cy'invura isanzwe ihboneka (reba **Ikarita ya1&2**); aho Gicumbi aribwo bupimiro bwabonye imvura nyinshi muri ingana na mm 71.8 z'invura

c) Intara y'Amajyepfo

Imvura yabaye nyinshi murengerazuba bw'amajyepfo, iba mu kigereranyo cy'isanzwe iboneka ahandi hose muri iyi Ntara. Ubupimiro bwa Nyamagabe nibwo bwabonye imvura nyinshi mu gihugu cyose ingana na mm 81.3

d) Intara y'i Burengerazuba


Nubwo ubupimiro bwa Rusizi na Rubavu bugaragaza imvura nke muri iyi Ntara; ikigereranyo rusange cyerekana imvura yaguye neza muri iyi Ntara iri mu kigereranyo cy'imvura isanzwe iboneka muri iyo mins

e) Umujyi wa Kigali

Mu mujyi wa Kigali uhagarariwe n'ubupimiro 2 (Gitega na Kigali) habonetse igiteranyo cy'imvura iri mu kigereranyo cy'isanzwe igwa (reba **Imbonerahamwe ya1 n'Ikarita ya1&2**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Muri iyi mins 10 ya mbere y'Ugushyingo_2016; habonetse imvura mu bice byose by'ighugu yongereye ububobere bw'ubutaka mu Rwanda hose cyane cyane igice cy'amajyaruguru mu Ntara y'Amajyaruguru (reba **Ikarita ya 5&6**)

Ighembwe cya 2 cy'Ugushyingo (11-20), hateganijwe ugukomeza kugwa kw'imvura mu Rwanda hose; Abahinzi barasabwa gukomeza kubika amazi y'imvura yo gukoreshwa mu kuhira ibihingwa.

b) Iteganyagihe ry'ighembwe cya 2 Ugushyingo 2016

Ku bupimiro bwinshi bw'ighugu hateganijwe ugukomeza kugwa kw'imvura igwa neza:

Umujyi wa Kigali; hateganijwe urunurane rw'iminsi y'imvura n'iy'izuba ku ngano y'imvura iri ku kigereranyo cy'ijo dusanzwe tubona.

Intara y'Uburasirazuba; hateganijwe imvura mu bice byose iri mu kigereranyo cy'isanzwe ihaboneka.

Intara y'Uburengerazuba; hateganijwe imvura iri mu kigero cy'isanzwe igwa.

Intara y'Amajyaruguru; hateganijwe imvura iri mu kigero cy'isanzwe igwa.

Intara y'Amajyepfo; hateganijwe imvura iri ku kigereranyo cy'isanzwe ihaboneka; naho uburengerazuba bw'iyi Ntara bukazabona imvura ishobora kwiyongera ikagera ku kigereranyo cyo hejuru.

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi, iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (**Meteo Rwanda**)